## ITANGAZO

### IMIKORERE Y'UBUCURUZI BW'UBWISHINGIZI HAKURIKIJWE IHAME RYO KUBANZA KWISHYURA IKIGUZI CYOSE (CASH AND CARRY)

Ishyirahamwe ry'Ubwishingizi mu Rwanda (ASSAR) riramenyesha abaturage ndetse n'abafatanyabikorwa bose muri rusange ibisabwa mu mategeko n'amabwiriza agenga kwishyura amafaranga y'ubwishingizi n'imikorere y'ubucuruzi bw'ubwishingizi mu Rwanda, ibashishikariza gukurikiza Itegeko No. 030/2021 ryo ku wa 30 Kamena 2021 rigenga imikorere y'ubucuruzi bw'ubwishingizi, cyane cyane mu ingingo yayo ya 113.

| |
|---|
| Ingingo ya 113 y'Itegeko No. 030/2021 : "Amafaranga y'ubwishingizi yishyurwa mu gihe giteganywa n'amasezerano y'ubwishingizi. Nta bwishingizi bubaho hatabayeho kwishyura amafaranga y'ubwishingizi." |

Ishyirahamwe ry'Ubwishingizi mu Rwanda (ASSAR) riributsa abaturage ndetse n'abafatanyabikorwa bose muri rusange ko ubucuruzi bw'ubwishingizi mu Rwanda bukorwa nyuma y'ubwishyu bwose bw'ikiguzi cy'ubwishingizi.

Mu gihe amabwiriza agenga abakiriya b'ibigo atanga igihe cy'iminsi 30 cyo kwishyura amafaranga y'ubwishingizi, ASSAR iributsa ko umukiriya wese w'ikigo utishyuye muri icyo gihe azamenyeshwa ikigo gishinzwe amakuru y'abakiriya b'amabanki n'ibindi bigo by'imari (CRB) nk'umunyamwenda. Abakiriya bafite amafaranga y'ubwishingizi atarishyurwa nyuma y'igihe giteganywa n'amabwiriza bahawe iminsi 30, kuva ku wa **15 Nzeri kugeza ku wa 15 Ukwakira 2026,** kuba bishyuye amafaranga yose basigayemo ibigo by'ubwishingizi bakorana nabyo. Kutishyura muri icyo gihe bizatuma umukiriya amenyeshwa CRB nk'umunyamwenda.

Abahuza mu by'ubwishingizi bose baragirwa inama yo kugenzura ko abakiriya babo bose bamenyeshejwe neza ibisabwa mu ntangiriro z'amasezerano bafitanye n'ubwishingizi no kubahiriza ibikubiye muri ayo masezerano. ASSAR irasaba abantu bose kwirinda amasezerano anyuranyije n'aya mabwiriza.

Turashimira ubufatanye bw'abafatanyabikorwa bose mu kubaka urwego rw'ubwishingizi ruhamye, ruboneye kandi rurambye mu Rwanda.

Mu izina ry'uhagarariye Ishyirahamwe ry'Ibigo by'ubwishingizi mu Rwanda

**Pamela UMUTESI**
**ASSAR Managing Director**

09,Nzeri 2026